INTEGO Y'UMWEPISIKOPI WACU NIYO IZAYOBORAIGENAMIGAMBI RY'IMYAKA ITANU (2019–2023) RYA CARITAS YA DIYOSEZI

"***Ni mube abanyampuhwe nk'uko So wo mu ijuru ari Umunyampuhwe***". Niyo ntego Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepisikopi wa Diyosezi ya NYUNDO yagennye kugenderaho mu butumwa bwe bwa gishumba. Mu nama yo gutegura igenamigambi ry'imyaka itanu rya Caritas ya Diyosezi ya Nyundo yabaye kuva ku wa 20 kugeza ku wa 21 Gashyantare 2019, kuri Centre Pastoral Saint Jean Paul II, iyi ntego yagarutsweho maze abari mu nama bemeza ko ari yo izayobora igenamigambi ry'imyaka itanu ririmo gutegurwa.

Mu ijambo ryo gutangiza inama, Umuyobozi wa CARITAS NYUNDO/GISENYI yavuze ko iyi nama yateguwe ikurikira izindi nama eshatu(3) zakozwe n'abakozi ba CARITAS NYUNDO GISENYI bagamije gusesengura amahirwe n'inzitizi bigaragara aho dukorera, cyangwa imbaraga n'intege nke CARITAS ifite kugira ngo hafatwe ingamba z'imikorere myiza. Yakomeje avuga ko iyi nama igamije gusesengura ibibazo abakorana na Caritas bahura na byo, gusesengura imiti yabyo ndetse no kugena imirongo migari y'ibikorwa bigize igenamigambi ry'imyaka itanu (2019 – 2023).

Inama yitabiriwe n'abantu bo mu byiciro binyuranye bafite aho bahuriye n'ibikorwa bya CARITAS barimo: Abapadiri (abakorera kuri Diyosezi n'abayobora za "Doyennés" za Diyosezi ya Nyundo/Gisenyi), abihayimana, abayobozi b'ibigonderabuzima, abayobozi b'amashuri, abayobozi ba za komite za Caritas mu maparuwasi n'abakozi ba CARITAS (Nyundo na Kibuye).

Bwana **SEMAKUZA Aloys,** Umukozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi ni we wayoboye imirimo y'inama.

Iyi nama yemeje ko mu rwego rwo guhuza imbaraga, hazakorwa igenamigambi ry'imyaka itanu (2019-2023) rya CARITAS ya DIYOSEZI ya NYUNDO rihuriweho na Caritas Nyundo/Gisenyi na Caritas Nyundo/Kibuye. Kugira ngo ibyo bigerweho ni uko mu minsi iri imbere, CARITAS NYUNDO/KIBUYE nayo izakora inama zinyuranye nk'izo CARITAS Gisenyi yakoze kugeza ubu.

Ibyo nibirangira, itsinda ry'abakozi ba CARITAS zombi (Kibuye na Gisenyi) bazafatanya gutegura inyandiko y'ibanze y'igenamigambi ry'imyaka itanu (2019-2023). Iyo nyandiko igomba kuba yemejwe n'inzego zibifitiye ububasha mbere

y’impera z’ukwezi kwa Kamena 2019 kugirango igenamigambi ritangire gushyirwa mu bikorwa guhera mu kwezi kwa Nyakanga 2019.

ABITABIRIYE INAMA BAKOREYE MU MATSINDA ANYURANYE HAKURIKIJWE INZEGO ZA CARITAS

Itsinda ry’Ibikorwa by’Impuhwe n’urukundo ryari riyobowe na Padiri Jean Paul RUTAKISHA

Itsinda ry'imiyoboerere n'imari ryari riyobowe na Padiri SAFARI Laurent

Itsinda ry'Iterambere ryari riyowe na Padiri Etienne IZIMENYERA

Itsindary'UbuzimaryzririyobowenaPadiri Noël HITIMANA

Byateguwe na SEMAKUZA Aloys

Umuhuzabikorwa w'Umushinga HDAK muri CARITAS NYUNDO/GISENYI